

ICIR-99-52-T  
Press. EXIT - P103/112 A  
TENDERED 042013/2002 P103/112A K0140231  
Pw 43: RuzihDara 1

**Identification** : RTLM/36 0112 LIB 14/06/94  
**Duration** : 60 min.  
**Quality** : Good  
**Transmission** : RTLM  
**Name of transcriber** : MUTETELI Pénine-Joie  
**Name of file** : 0112rtlm.wpd  
**Date of transcription** : 27/3/2000  
**Dictaphone** : ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51

**CONTENU DE LA CASSETTE RTLM/35 0111 LIB 14/06/94**

**FACE A**

\* GAHIGI commente le contenu d'un document secret du FPR, saisi sur un de ses membres et dont les grandes lignes sont les suivantes:

- La force de frappe militaire secrète du FPR qui doit survivre à la fusion de 2 armées sera cachée quelque part pour surprendre l'armée rwandaise et s'emparer du pouvoir.
- La mise en place des organes du FPR à tous les niveaux dans le secteur dit "zéro" ( le Rwanda).
- La militarisation dans le secteur dit "zéro".
- La valorisation de l'histoire du Rwanda réindépendant.
- La résolution du Front patriotique rwandais " C'est HABYARIMANA et le MRND ou le FPR!", ainsi que les stratégies devant conduire le FPR à la réalisation de son plan.

\* Communiqués.

\* NKURUNZIZA Ananie trouve qu'il ne faut plus avoir confiance au FPR:

- Qui ne fait que tuer: HABYARIMANA, les religieux de Kabgayi et autres en sont des exemples.
- Qui signe pour le cessez-le-feu qu'il ne va pas respecter. Ex: négociations de N'sele...
- Qui dit que le choix est clair, vivre ou mourir, HABYARIMANA ou FPR.

\* Communiqués.

\* NDIKUMANA Didace nous annonce les affrontements au Burundi. Selon Radio Nederland, il y a eu 20 morts à Kayanza. NKURUNZIZA Ananie trouve que le virus commun sont les Tutsis minoritaires assoiffés du pouvoir.

\* NKURUNZIZA Ananie relate les points suivants:

- Au Zaïre, KENGO WA DONDO est élu premier ministre, TCHISEKEDI affirme qu'il restera au pouvoir par les conflits qu'il va commencer.
- Au Gabon, manifestations des étudiants de l'université Omar BONGO à Libreville. Ils réclament l'augmentation de la bourse.
- Au Nigéria, MOSHUD Abiola qui s'était proclamé comme président a pu s'évader alors qu'il était encerclé par la police.
- Les Américains s'opposent à la Corée du nord qui refuse le contrôle des armes nucléaires.

\* Avant la décision du cessez-le-feu dans le sommet dirigé par MOBUTU pour le problème rwandais, rencontre de MUSEVENI avec Robert MUGABE, MUSEVENI avec BRUNO, envoyé par le président MITERRAND.

\* Messe en mémoire des religieux et d'autres Rwandais décimés par les Inkotanyi. Messe célébrée à l'église Saint Pierre à Rome sous l'autorisation du Pape.

\* Le journaliste GAHIGI trouve que les Rwandais ne doivent pas se fier au cessez-le-feu signé par le FPR lui-même alors que ce sont des gens de mauvaise foi.

\* GAHIGI rappelle à la vigilance et ne pas avoir confiance au cessez-le-feu car le FPR signe et l'assure en se préparant pour le combat.

## FACE B

\* Cette partie est composée essentiellement de ce qui suit:

- GAHIGI et NKURUNZIZA annoncent l'avis de recherche de KAGAME. Une prime de 1.000.000 \$ a été octroyée par quelques Français et déposée chez James KROLLS et sera donnée à celui qui le trouvera ou le tuera. Ils l'accusent de la mort des 3 Français morts lors de l'accident d'avion où a également péri HABYALIMANA, NTARYAMIRA du Burundi et autres.
- NKURUNZIZA annonce la mort d'un officier Inkotanyi de "type malais", tué par les Interahamwe. La nouvelle lui vient du nommé KIM TALLON BIZIMANA Jean-Damascène.
- Communiqués.

\* NKURUNZIZA rappelle à la vigilance et ne pas avoir confiance au cessez-le-feu car le FPR signe pour arrêter le combat et se prépare pour attaquer, la prise de Kampala en est l'exemple.

\* Georges RUGGIU dit que le FPR signe pour le cessez-le-feu qu'il ne va pas respecter. Il a signé à Tunis et massacre à Kigali.

\* NKURUNZIZA trouve que la Mission des Nations unies pour l'assistance au Rwanda soutient les Inkotanyi dans leurs actes jusqu'à ce que DALLAIRE tienne le fusil.

\* NKURUNZIZA annonce que le Pape Paul a été attristé du mal tombé sur les Rwandais de l'église catholique.

\* NKURUNZIZA annonce que d'après BBC, qu'après la mort des évêques catholiques à Kabgayi, le FPR a massacré les enfants handicapés et orphelins de Gatagara.

\* Clôture du sommet des ministres des pays de l'OUA sur le problème rwandais. Mise sur pied d'un conseil ministériel qui sera chargé de ce problème.

\* NKURUNZIZA annonce qu'il était prévu une messe en mémoire des disparus Rwandais.

\*\*\*\*\*

## FACE A

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.** 00min00sec

... amahoro ko bo batigeze babyemera, ahubwo bacuraga undi mugambi wo kugira ingabo ku ruhande noneho zikazafata-mpiri izacu, ndetse n'izivanze zikaba zifite ubutumwa bwo kutavanga koko ngo ziyite nyarwanda, ahubwo zigahora zirekereje ko zizahuza impembe n'izo zizava hanze noneho zigafata ubutegetsi. Ngira ngo icyo kintu abantu bagifata, cyane cyane abasirikare, kugira ngo ubutaha bazabe (aseka) maso mu byerekeye ibyo kuvanga ingabo kuko mwiyumviye muri iyi mbanzirizamushinga w'iyi nyandiko, ibintu bikubiyemo biteye uwobwa. Mwumvise amatwara bari bafite bwo.. kugira Umutwe w'ibisumizi iruhande uhishe, kugira ngo uzagwe gitumo ingabo zacu. Icyo kintu na cyo tugifate. Komeza Anani.

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM.**

Uwo nanone **ni uwa kabiri** wanditse tukiriho, ku rupapuro rwa karindwi aragira ati "tugomba kurema udutsiko muri zeru". Simbizi aha ngaha biraruhije kubisobanura mu kinyarwanda, handitse mu gifaransa ngo "*la mise en place des organes du front à tous les niveaux dans zéro*".

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

Ee... ndagira ngo nsobanure, ubundi muri organisation y'Inyenzi, ubundi ee... mu ukuntu zagi... zagiye mu turere tw'Afurika aho ziri, zagiye ziducamo e... uduce, zikatwita zeru, zikatwita A, zikatwita B. Zone rero..., agace bise "zeru" ni u Rwanda. Ni u Rwanda muri organisation yabo, zeru bivuga u Rwanda, noneho mu maperefegitura rero bakagenda muri zone bise "zéro", bakagenda bagabanyamo uduce. Aho rero muzajya mubona mu nyandiko y'Inyenzi ahantu bita "zone zéro", ni ukuvuga u Rwanda. Nagira ngo aho basobanukirwe, izeru cyangwa O bivuga ee... u Rwanda.

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM.**

Ee... bagakomeza nanone, tukiri kuri iyo zeru, bakagira bati "*la militarisation dans zéro*". Ni ko

kuvuga yuko bagombaga gukomeza ibya gisirikare muri urwo Rwanda nk'uko GAHIGI amaze  
02min01sec  
kutubwira.

Nanone tugeze ku **uwanditse bwa gatatu**, ku rupapuro rwa gatatu nanone ati "tugomba guca  
burundu impapuro zose:

- Ibyemezo bitangwa na commune.
- Uruhusa rwo gucumbika.

Ntibyongere kugaragaza ubwoko cyangwa aho umuntu akomoka". Bagakomeza bat "tugomba  
guha agaciro amateka y'u Rwanda, guhera ku Rwanda:

- Rwa GIHANGA.
- Urwa cyami na gikolonize.
- N'urwongeye kwigenga".

Aha ngaha ni rwo bita "*u Rwanda réindépendant*", réindépendant ngira ngo GAHIGI araza  
kudusobanurira. Ibi byose rero ngo bigahesha ishema Umunyarwanda, urwo Rwanda rwa  
GIHANGA rugahesha ishema Umunyarwanda, urwa cyami rugahesha ishema Umunyarwanda,  
urwa gikolonize rugahesha ishema Umunyarwanda, n'urwongeye kwigenga. Ni uko ngo  
bakagarura amatorero y'intore n'ibitaramo. Ibyo turabisoma ku rupapuro ruri rwonyine, ngo  
"nibura buri segiteri ya commune yo mu cyaro ikagira itorero ry'intore rimwe". Aha barafata  
imibare ijana na mirongo ine na gatandatu mugakuba n'icumi. Ndakeka ko bafata amakomini  
ijana na mirongo ine n'atandatu, bagakeka ko buri commune ifite amasegiteri cumi. Ubwo rero  
ku mubare ugereranyije bakandikaho igihumbi na magana atanu, ni ko kuvuga yuko mu Rwanda  
hagombye kuba amatorero y'intore... y'intore, igihumbi na magana atanu. Ngo "buri mujyi muto  
ukagira amatorero icumi nabura, naho Kigali ikagira amatorero ijana, universités zose zo mu  
Rwanda zikagira amatorero ijana, za kilizya n'abakozi ba Leta bakagira amatorero ijana, ni uko  
muri totali bakagera ku matorero y'intore ibihumbi bibiri.

Ngira ngo ibi ni ibyo twigeze kuvuga twari twatahuye, bari batangiye amatorero y'Abatutsi. Muzi

ko nyine intore ubundi zabaga zitoza ibya gisirikare, ni ko kuvuga ko bigenda bisatira militarisation, bigomba... bigenda bisatira uko bari gukora, abasirikare babo. 04min02sec

Nanone kuri **uwo wa gatatu** wanditse ku rupapuro rwe rwa kane, akagira ati "amajyambere agomba gutangizwa agatangirira... agatangizwa na FPR kandi akarangirira kuri FPR". Ni ho avuga mu gifaransa "que le fe... le FPR doit être l'auteur et le destinataire du développement". Akavuga yuko..., ni kuri urwo rupapuro nanone muri icyo gice cya gatatu, ko "bagomba gutangiza amashuri yigisha ibya politique kugira ngo haboneke abakadere mu nzego zose z'ubutegetsi na politique.

Ibi twigeze kubivuga, bari barabikoreye i Bugande (Uganda), bari barigishije abantu bazaba "Abaresponsable" b'amaselile. Bari barigishije abazaba Abakonseye b'amasegiteri, ba Bourgmestres, ba Préfets, mu byo bitaga "*cadre course's*". Ubu rero igituma byari byongeye gusubira kandi vuba, nk'uko twabibonye ubushize mu nyandiko zose zafashwe, ni uko ngira ngo aba mbere bagomba kuba bari bashiriye ku rugamba.

Nanone kuri u... **icyo gice cya gatatu** ku rupapuro rwa gatanu bati "FPR igomba guhora izirikana uku kuri, ni ugupfa cyangwa ugukira. Ni HABYARIMANA na MRND cyangwa ni FPR". Bagakomeza bati "Umuryango FPR ni wo ntango nyakuri ya révolution kandi ni wo ugomba gusoza iyo révolution". Bati "nyuma yo gutsinda, Umuryango FPR ni wo uzazanira Abanyarwanda ubumwe nya bumwe, independansi nya ndepandansi, n'amanya... n'amajyambere akomatanyije".

Kuri urwo rupapuro ni na ho ndangirije, kuri urwo ru... kuri icyo gice ku rupapuro noneho rwa gatandatu, bati "FPR kugira ngo igere ku ntego zayo izifashisha:

- Ibinyamakuru. - Ibiganiro mbirwa banyamakuru. - N'ibitaramo bi (inaudible).
- Igazeti ya parti. - Mitingi.
- Iradiyo ya parti. - Ibitaramo gakondo

Reka mpe Rédacteur en chef abasoreze ikiganiro.

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

06min02sec

Ndasoreza aho urangirije, kuko agashinguracumu k'yo nyandiko cyangwa se umwanzuro uravuga uti "ni HABYARIMANA na MRND cyangwa ni FPR". Ngibyo rero ukuri koko kw'Inkotanyi, ibi byo kuvuga ngo barasaba gusangira ubutegetsi, ngira ngo mubonye ko nta byo ni HABYARIMANA na MRND cyangwa FPR. Iyo bavuga HABYARIMANA na MRND, baba bibaza ko e... ibyo bitaga "FDC byari byararangije kubimunga. Ariko rero ubwo ubumwe bw'Abahutu bwagarutse, ubwo ubumwe bw'abantu bakunda Repubulika bwagarutse, noneho ni abakunda Repubulika cyangwa ni FPR. Nguko uko bimeze.

Nkagira ngo rero turangize mbibutsa ikintu, ee... mu kinyarwanda mu kubaka kwa kera, umuntu ava mu ruganiriro ajya mu kirambi, hari inkingi bitaga "*mbonabihita*", noneho ukabo... ikabona ibintu byose. Uvuye mu ruganiriro ajya mu kirambi, ajya mu buri... ku buriri iyo nkingi ayinyuraho imureba, bakayita "*mbonabihita*". Tukumva rero aho tugeze, umuntu ukunda Repubulika yaba Umuhutu yaba Umututsi, adakwiye kuba mbonabihita, ngo arebe arekere iyo. Ko akwiye kumva ko ibintu bimureba kandi ko abifitemo uruhare.

Tukaba rero tubashimiye kuba mwaduteze amatwi, (fond sonore) nkagira ngo mpereye kuri iyo nkingi ya mbonabihita mbature indirimbo yitwa "*J'étais (inaudible)*". (Musique)

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM.**

... umwaka mirongo urwenda na kane, tugeze saa mbiri n'iminota hafi makumyabiri. Muri kumwe na NKURUNZIZA Ananiya.

- Ndasuhuza abaturage bose bo mu Rwanda bumva RTLM muri aka kanya muri iki gitondo, kandi biyemeje gufatanya na yo mu kurwanya umwanzi.
- Ndasuhuza Gaspard HARELIMANA aho ari hose muri iki gitondo, nkamushimira mu izina rya bagenzi banjye inkunga yi yemeje kudutera.
- Ndetse ndasuhuza n'abandi nka we badasiba kudutera ingabo mu bitugu.
- Ndasuhuza urwo rubyiruko rwose rwa Repubulika rushinze ibirindiro mu mabariyeri, ku ma

09min00sec

positions aho rukubise ingabo ingabo mu bitugu.

- Ndasuhuza ingabo zose ziri ku rugamba aho imirwano ibera hose.
- Ndasuhuza aba basirikare: NDAYAMBAJE na Filipo nsanze mu birindiro ahantu. Mwese mwese mwaramutseho?

Naho kuri iyo Nyenzi irasa abaturage bo hakuno ya Poids lourds, irasira mu kizu cya rukarakara kituzuye kiri ha... kiri ku Kinamba haruguru yo kwa Gaspard, nibayi... nibayibo... nibayi... mumbabarire gato, iyo Nyenzi "nabayideroje" itaza kugira n'uwo ikomeretsa.

Reka nsome iri tangazo rya Ministre w'Ingabo z'igihugu. Ministre w'Ingabo z'igihugu ati "kubera impamvu z'umutekano muke mu mujyi wa Kigali, Minisiteri y'Ingabo z'igihugu isabye abafite amakabari bose ko kuva tariki ya cumi na gatanu Kamena mirongo urwenda na kane", ni uyu munsi rero, "bagomba kuyafunga guhera saa kumi z'umugoroba. Uzarenga kuri aya mabwiriza azahanwa bikomeye. Abategetsi b'inzego zose basabwe kuyubahiriza. Ministre w'Ingabo z'igihugu, BIZIMANA Augustin".

Irindi tangazo ni uyu mugabo "KALIKUMUTIMA Jean-Baptiste ukora i Kigali, akaba amenyesha Majoro BIGANIRO wo muri Jandarumori yo ku Gisenyi ko ku bibara... kubera ibibazo by'intambara, atarashobora kuza gutwara imodoka ye ya Peugeot yo mu bwoko bwa magana ane na gatanu GL, ifite plaques magana inani mirongo itanu na gatandatu W mirongo urwenda na kabiri, yageze ku Gisenyi yibwe ku itariki ya gatandatu z'ukwezi kwa gatanu mirongo urwenda na kane, nanone ikaba iri aho muri Jandarumori. Asabye Majoro BIGANIRO gukora ibimushobokeye kugira ngo iyo modoka itangirika". Ngo "amahoro namara kugaruka mu gihugu azahita aza kuyitwara yitwaje n'ibyemezo". Uwo ni KALIKUMUTIMA na we uri mu batsimbaraye mu kurengera uyu mujyi wa Kigali.

Hanyuma bigishyushye, reka mbagezeho amakuru uko yaramutse mu gitondo. (Un bref silence) Amakuru rero uko yaramutse mu gitondo..., nari mfashe igipapuro kitari cyo, inkuru y'ihagarikwa y'imirwano ibera mu gihugu cyacu yaraye isakaye ku maradiyo mpuzamahanga y'u "Bufransa" (France) naderlan... na Naderland ahajya saa tanu z'ijoro. Maze agenda nk'umurabyo,

ndavuga ayo makuru, natwe aba atugezeho hano i Kigali.

11min06sec

Inkotanyi nk'uko byatangajwe n'Umuhutu uztwaza itabi, BIZIMUNGU Pasteur, ngo zemeye guhagarika imirwano ari nta yandi mananiza zishyizeho. Mwibuke ko zari zasinye ko iyo mirwano izahagarara ari uko zitsinze, ubwo zitsiburaga ziyobowe na KANYARENGWE Arusha mu ntangiriro y'iyi mirwano zigasinya, na bwo zabyisinyeho ko" zidashobora guhagarika iyi ntambara ngo Guverinoma y'agateganyo y'u Rwanda itavuyeho", Guverinoma zita Guverinoma y'abicanyi, ngo "iyi Radiyo yanyu, Radiyo ibafasha kurwana intambara, RTLM, idacecekeshejwe n'ibindi by'amamaniza n'umwirato bya... zari zashyizeho.

Zaraye rero zivuze ko, kizima zari zifite..., zibivuyeho imbere ya ka gakiko k'abakuru b'ibihugu bidukikije karimo kuyobora... kayoborwaga nako na Marishali MOBUTU, kandi na shebuja w'izo Nkotanyi, MUSEVENI, yari ari muri ako gakiko. Agomba kuba rero yaratinye kongera kuzishyigikira ku mugaragaro.

Gusa nyuma y'irimbuwa rw'imbaga y'Abanyarwanda batagira ingano, barimo Nyakubahwa Président wa Repubulika y'u Rwanda, HABYARIMANA Yuvenali, n'abandi benshi b'ingeri zose, aba nyuma bakaba ari abaturage n'Abasenyeri b'epfo iriya za Gitarama na Butare, ntabwo dukwiye kongera kwibeshya ku mwanzi, bimaze kugaragara ko adashobora guhongerwa na rimwe.

Ni uko rero mwibuke ko amasezerano y'ihagarikwa rw'imirwano nk'aya yasinyiwe N'sele, ntagire icyo atanga. Agasinyirwa Arusha..., ayo ni aya N'sele mu by'ukuri yavugurwaga.. Arusha na byo intambara nticyayibuza gukomeza. Ndetse n'amasezerano bise "ay'amahoro", yamaze gushyirwaho umukono Arusha mu kwezi kwa munani k'umwaka ushize maze aba ari bwo umwanzi akomeza umurego n'ingamba byo gufata ubutegetsi no kumena amaraso y'Abanyarwanda, nk'uko ibyo twahoze tubiganira na GAHIGI, Rédacteur en chef w'iyi Radiyo, ubwo twagiraga tuti "dore ingamba Inkotanyi zakoze, ingamba z'urugamba rwa nyuma rwo kumena amaraso no gufata ubutegetsi".

Nubwo rero Inyenzi-Inkotanyi zavuye ku izima, ndagira ngo twagombye kuba maso kugira ngo batongera kutwambura intwaro ngo ngaho amahoro aratashye, ngo ngaho nituririmbe ubuvandimwe.

14min02sec

Iri joro rikeye kandi ryacyanye induru nyinshi mu Burundi. Nijoro rero nk'uko byatangajwe n'amaradiyo ako kanya, imirwano yari yose mu misozi ihanamye ihanamiye Bujumbura, ari na yo yubatseho ibigo bikomeye (un bruit extérieur) by'intebe... nako ku cyicaro cy'intumwa ya Papa, kuri Paroisse Saint Michel, no mu karere ka Kamenge. Iyi nkuru yatangajwe muri ako kanya n'"umukoresponda" wa Radiyo Nederland ugomba kuba abogamye cyane. Koko rero uwo NDIKUMANA Didasi yihandagaje avuga ko abaturage bahunga ari Abahutu kandi ko bahunga abandi Bahutu yise "*les bandes armées hutues*". Aha rero murumva, i Bujumbura, i Burundi Abahutu bahunga bagenzi babo, ibyo ntibibaho. Ahubwo ubwo bahungaga ka gatsiko k'ingabo z'Abatutsi, ubwo ni ko kongeye kubahukamo.

Imirwano nk'iyo kandi yahitanye abantu makumyabiri, yavuzwe nanone mu Ntara ya Kayanza iyi duturanye, Kayanza iyo wambukiye hariya ku Kanyaru ka.. haruguru uciye i Butare, ugera mu Kayanza. Ariko mu Burundi... ari mu Burundi, ari no mu Rwanda, virus ni umwe, virus ni imwe, ni udutsiko tw'Abatutsi dushaka kuguma cyangwa gufata ubutegetsi ngo rubanda nyamwinshi igume isigare yipfumbase.

Aha nanone izindi mvururu barazitubwira mu Ntara ya Bubanza, gusa ho bakavuga ko ari Abahutu ngo baba barateye impunzi z'Abatutsi zahungiyeyo, ariko ibyo byo nta washoboye kubigenzura.

Imvururu hagati y'Abahutu n'Abatutsi b'i Burundi, nanone zakomeje kuvugwa n'amaradiyo menshi ndetse na Radiyo Moscou y'Abarusiya yabyutse ..iby'ivuga.

Muri Zaïre ho, Bwana Yozefu KENGO WA DONDO, ni we watorewe kuba Ministre w'Intebe wa Zaïre. Atorwa n'Abadepite magana atatu mirongo itatu na babiri kuri magana ane na mirongo itandatu na batanu bari bahari. Twibutse ko Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho y'icyo

gihugu, igizwe n'Abadepite magana arindwi mirongo itatu n'umunani. Wa musazi rero Etienne TCHISEKEDI wari wanze kwiyamamaza, asigaye yizeye ko azahamishwa ku butegetsi n'imvururu yatangaje ko agiye gushoza. 16min07sec

Abanyeshuri..., aho ni muri Gabon, bo muri *kaminuza* bita "Omar BONGO" y'i Libreville, ejo badukiriye ibintu byose baramena, bakubita Umuyobozi wabo, Récteur, ndibabutsa.. bakometsa ku buryo bukomeye n'umwe mu barimu babo ku buryo yaje kujyanwa mu bitaro. Ngo baraharanira ko bourse yabo..., ni ukuvuga amafaranga babagenera, yakongerwa. Gusa, ibyo bononnye baravuga ko bibairwa hafi kuri yoni.. mirong... kuri miriyoni mirongo ine z'amafaranga y'u Rwanda.

Naho muri Nijeriya (Nigérie) MOSHUD Abiola wari wigeze... wigize Président wa Nijeriya (Nigérie), si ukubyigira gusa ariko yigeze kubitorerwa baramunyanganya, ndetse akaba yari yavuze ko ari na we Mukuru w'i... n'Umugaba w'Ikirenga w'ingabo z'icyo gihugu, nyuma abapolisi bakaza kumugota bashaka kumufata, MOSHUD Abia... Abiola rero yaje kubacika. Koko rero yikenyereye igitenge, atega igitambaro, asohokana n'abagore bari kumwe agenda atyo hafi nk'imbone nk'ubone kuko yanyuze ku bapolisi bari bamugose. Ngo "uzamufata cyangwa akaranga aho yaba aherereye azabona igihembo cy'amadolari y'Abanyamerika ibihumbi bibiri".

Abanyamerika nanone bakomeje guhangana na Koreya y'epfo (Corée du sud)... na Koreya nako ya ruguru (Corée du nord) yanze ko ngo bakontolora inganda zayo ikoreramo intwaro za kirimbizi. Ubu Abanyamerika baragenda bagambana ku macuti yabo, kugira ngo bemeze urutonde rw'ibihano bazafatira icyo gihugu cya Koreya ya ruguru (Corée du nord), ariko binyuze mu Nama y'Umutekano ya Loni.

Tugarutse ku Rwanda, ya nama nyine..., ka kanama nako k'abakuru b'ibihugu by'Afurika kari kayobowe na MOBUTU, akaba ari na ko kemeje Inkotanyi ko zikwiye kurambika intwaro hasi na MUSEVENI yari akarimo. Mbere rero y'uko bafata icyo cyemezo, baratubwira ko MUSEVENI yabanje akabonana na Robert MUGABE wa Zimbabwe, bakavugana ku kibazo cy'u Rwanda. Ndetse ngo yanabonanye na BRUNO wari woherejwe na MITERRAND kugira ngo

bavugane na none ku kibazo cy'u Rwanda. Ibi byose rero, iyi mibonano iki byose, biratwereka ko bariya babonanye na MUSEVENI bamwumvishije ko gukomeza kwica Abanyarwanda nta ho bishobora kumugeza.

19min03sec

Radiyo rero y'Inkotanyi yo ikomeje kwiyama abantu bose bashyira mu gaciro, ndetse bamaze kumenya amarorerwa Inkotanyi zikorera Abanyarwanda. Ni gutyo yikomye Abafaransa ngo "ubwo na bo bari mu bwicanyi bwabereye mu Rwanda", ni gutyo yikomye ba Roger BOOH BOOH, yikomye OUA, ndetse mu by'ukuri yikomye abantu bose.

Nanone ku kibazo cy'u Rwanda, ushinzwe ibibazo by'impuzi aratumenyesha ko impunzi z'Abanyarwanda..., birumvikana ko ari iz'Abahutu, zimaze kugera mu Ntara ya Ngara y'i Tanzaniya (Tanzanie), zisaga ibihumbi magana ane. Zimwe zimiriwe mu nkambi ya Rumasi iri kuri kilometero umunani gusa z'inkambi ya Benako. Baratubwira inkuru isa n'iya Bourgmestre wa Commune Muha...zi y'Abahutu makumyabiri n'umunani ngo bahunze baturutse ino aha muri Kigali, banyura i Burundi basanga nta kajyamo bakomeza bagana muri Tanzaniya (Tanzanie) aho bageze ku itariki ya cumi n'imwe Kamena, ni ejobundi aha rero, bari barahagurutse ino aha i Kigali ku itariki ya cumi na kane Gicurasi. Inkuru nyayo ni bo bashobora kuyibara.

Ncuti rero za Radiyo RTLM, turaza gukomezanya. Mu gihe ngitegereeje bagenzi banjye kugira ngo nze kubagezaho no mu ncamente amakuru yaranze ibi byumweru bibiri by'uku kwezi kwa... kwa Gicurasi nako ni ukwa Kanama ni ko turimo. Ubwo ndaza kuvuga kugeza ku itariki ya cumi na gatanu, ari iy'uyu munsi ariko sinyishyiramo kuko amakuru yaramutse maze kuyababwira.

Nagira ngo nibutse gusa ko Radiyo Vatikani (Vatican) iherutse kuranga ko kuri uyu munsi ku itariki ya cumi na gatanu, hari busomerwe misa muri Basilique Saint Pierre y'i Roma (Rome) ku ruhushya rwa Papa yatanze, misa iri busomwe kugira ngo basabire Abashumba ba Kilizya Gatulika y'u Rwanda bahitanwe.. n'Inyenzi, kandi basabire n'Abanyarwanda bose batagira ingano bahitanwe.. n'izo Nyenzi.

Nanone hari abantu bagenda batwungura ibitekerezo, ngira ngo umuntu atabura kubagezaho. Ni

nk'abantu batwandikiye batubwira bati "mu gihe haba hazongera kuba imishyikirano iyo ari yo yose, twibutse koko iriya nama... kariya kanama k'abakuru b'ibihugu kavuze yuko impande zombi zirwana ngo ziramutse zishyize intwaro hasi ikibazo kizagaruka kwa MWINYI, ubwo ahari aho umuntu yavuga Arusha, ngo abarwana bakongera bakicara hasi bakavugana.

21min09sec

Uyu rero na we yanditse atubwira ati "ikibazo nicyongera kwicara... nibongera kwicara biga ikibazo, reka mu by'ukuri Abahutu bazicare ukwabo n'Abatutsi bicare ukwabo. Inkotanyi, kariya gatsiko k'Abatutsi kareke cohoreza udukingirizo tw'Abahutu.

Ngira ngo rero nk'uko abantu bamaze iminsi babivuga, ikibazo, umuti wacyo uzaturuka ku kucyumva neza. Ni ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi barwanira ubutegetsi, Abatutsi bashaka kwigarurira batyo.

Ni uko rero ibyakagombye kuba byiza, ni uko Abatutsi batera urutoki hejuru bakavuga akarengane kabo ntibafifike. N'Abahutu bakicara hariya bagasubizanya. Ikibazo rero kikaba icy'Abahutu n'Abatutsi kandi kigakemurwa burundi.

Akongera akavuga uyu muntu utanga ibi bitekerezo, akagira ati "nanone mu gihe twazongera kugirana ibiganiro n'abo turwana, Leta ya Uganda, Leta y'Ababiligi, ndetse n'iy'Abanyamerika, ntabwo zikwiye kuzongera kuharangwa ngo zije kureba kuko zagaragaje aho zibogamiye.

Akongera..., ndetse ndabona ashima n'abanyamakuru ba la r... ba RTLM ngo "bakora umurimo mwiza bakwiye kuzahemberwa", ubwo arakoze na we adutekerezaho. Ahubwo nanone arakomeza agira ati... nako aragaya... nta n'ubwo agira ati... aragaya abantu bo muri ELECTROGAZ birirwa..., ndetse batorokanye n'amaboko ya... n'amamodoka ya ELECTROGAZ bakigendera. Akani baza igituma bigaragara ko nta Muyobozi wa ELECTROGAZ ukiri ino aha i Kigali. Akagira ati "nimubakabukire bagaruke". Ibyo twarabivuze ejo ndetse tubivuga no ku bakozi ba RWANDATEL, bariya bakora muri téléphone.

Aha ngaha rero kugira ngo nsozere aya makuru, nagira ngo mbongerereho ko e... muri iri yemera rwo gufasha intwaro hasi, nanone barimo kwibaza niba abakuru b'ingabo, b'Iimitwe y'ingabo yombi irwana, bari bwitabire icyo cyemezo. Uretse Inkotanyi ni zo zitagira icyo zitabira, naho ku ruhande rwacu rero ndumva nta kibazo kiriho kuko ingabo ziyoborwa n'Umugaba wazo ariko wemera, wubaha Guverinoma.

24min03sec

Ikindi nari nibagiwe nanone kubabwira, ni amakuru akunze guhinda. Amaradiyo na ro... na yo rero yabyutse agira ati "hari abantu mirongo ine baba barafashwe n'abo bita "*les milices*" ngo "bajya kubica". Bamwe baravuga bat "ni abana mirongo ine". Iyo umuntu avuze abana mirongo ine rero ngo bakuye mu kilizya, ibyo inkuru iba i... inkuru iba ifashe intera y'igitangaza. Andi maradiyo agasubiramo ..iti "ni abantu mirongo ine barimo abana". Na bwo inkuru iba ifashe iyindi ntera. Abandi bakagira bat "ni abantu mirongo ine barimo abana bake". Iyo kilizya ntibayivuga, ababafashe ntibabemeza neza, kuvuga ko ari aba Guverinoma nta wubizi neza.

Ibyo rero twakunze kubivuga, ni za nkuru ziba zishaka gushyushya, zishaka yuko abantu bikorera Guverinoma y'u Rwanda, ariko ukuri kumaze kugaragara. Reka mbwire technicien, KAMANZI Laurent, turi kumwe abashyirireho umuzika, ubundi mu gihe ntegereeje bagenzi banje turaza kuba turi kumwe, mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananiya. ↳

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

... Inkotanyi mu mibanire yazo na... natwe. Ubu rero niba koko bavuze batu muhagarike imirwano, twemere tuyihagarike Inkotanyi zigende, ngo zigende nta yandi (un bruit extérieur) yazo, ee... nta wanze ako gahenge, nta wanze amahoro, abaduteye ni bo bayaduha, twe nta wayanze, ariko ni ukuba maso kuko buri gihe umuntu ahera ku byabaye, ku bwo yibuka. Inkotanyi buri gihe uko twahagarika.. imirwano ni ko zarushijeho kwitegura. Ibyo bintu rero tukabigumana mu mutwe mukabimanya. Ariko muri uko guhagarika imirwano, hari icyo umuntu yakwibaza. Ee... umunyamakuru witwa Jean HELENE wo kuri Radio France Internationale, muzi ukuntu yabogamiye ku Nkotanyi, ariko amagambo yavuze muri iki gitondo yatangaje umuntu usanzwe umuzi. Yavuze rero ati "koko MUSEVENI ni we wafashije Inkotanyi". Arabivuga ku

mugaragaro, ati "MUSEVENI yafashije Inkotanyi", ati "ndetse ku buryo ubu mu gihugu cye abaturage bamumereye nabi bakavuga ko igihugu cye yagihaye Abatutsi bo mu Nkotanyi".

26min06sec

Ibyo bintu twarabivuze, abantu bati "wenda ni... RTLM ni ko ivuga", ni uko... ni ko tuvuga koko kuko tuvuga ukuri. Twababwiye ukuntu Abatutsi bamunze ico gihugu kuva bashyize MUSEVENI ku butegetsi, ko abo Batutsi bamunze igisirikare bakacyinjira bakagicengera. Muzi ko RWIGEMA yabaye Ministre wungirije w'Ingabo za Uganda, muzi bariya ba KAGAME ee... abandi n... amazina ntafite, ariko twababwiye ko bagiye bagategeka za serivisi de renseignement, baka... jya mu buganga, bakazambwa ibintu, ko rero Jean HELENE yivugiyе ubwe ko MUSEVENI afasha Inkotanyi ku mugaragaro, kandi ko abaturage b'Abagande bamaze kurambirwa, bamaze ee... ku... kwanga... kutumva ukuntu igihugu cyabo cyahabwa Abatutsi.

Inkotanyi rero koko niba zihagaritse imirwano nta mananiza, zigasubira mu Bugande (Uganda), ubwo murumva mu Bugande (Uganda) na ho uko bimeze, ubanzi.. ak'Inkotanyi gashobotse.

Ubwo rero niba dusubiye Arusha tukagirana imishyikirano n'Inkotanyi, nta wubyanze ariko ico nagira ngo mbabwire ni ikintu abumva igifaransa bita "*mauvaise foi*". Mu kinyarwanda navuga ko ni a... ni... ni a... ni abantu umuntu atakwizera ngo uvuge uti, aba bantu ubwo dusezeranye ibi ngibi bizakorwa. Si bwo bwa mbere, ubundi ni bo babiteye kutabagirira icyizere, ni kenshi byabaye.

Nkagira ngo rero ncuti mutwumva, ako gahenge bavuze, iyo cessez-le-feu, guhagarika imirwano babyemeje ariko twe turacyumva imbunda. Ariko byavuzwe nijoro, tuvuge ko abakuru b'ingabo wenda uyu munsi mu mpande zombi bari bubabwire bati a... habaye cessez-le-feu, imirwano igahagarara, ariko mumenye ko Inkotanyi buri gihe aho musezeraniye si ho muhurira. Ahubwo iyo musezeranye ni bwo kenshi biku... bisuganya kugira ngo bongere imbaraga.

Ubwo rero ntihagire umuntu uvuga ati imbunda yanje reka njugunye hariya, ati amayoga ari he ngo nywe, ati intambara irarangiyе. Ndumva mugomba kuguma mu birindiro byanyu mugakomeza kuba maso uko musanzwe, mugakomeza umurego kuri bariyeri, kuko ubu

bashobora kuvuga bati ubwo imirwano ihagaze, ba bandi bakunze kwita ba bwoba bati turatashye, induru zikavuga bakaza biruka Inkotanyi zikabazamo, noneho Kigali wajya kureba ugasanga noneho Inkotanyi zirayigose, bakarasira mu mujyi rwagati mukumirwa. 29min05sec

Ni ukuvuga rero ko n'ijo haba agahenge, hneh, abantu bagomba gukomeza kuba maso. Kuri bariyeri abatahuka mukabareba, mukareba mu birago bafite, mukareba muri matola bafite kuko Inkotanyi zishobora kuza noneho wajya kumva zarananiwe kugera ku... mu mujyi ku buryo bw'intambara, zikahagera ku buryo bw'amahoro. Ibyo bintu mubimenye. Nk'uko twasinye amasezerano y'Arusha zarananiwe kugera i Kigali, akaba ari twebwe ubwacu tuzihigereza n'amabisi yacu tukazigeza muri CND, zarangiza zikarasa ziturutse mu mujyi.

